Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

Kwibuka
kwibuka twiyubaka
30

# INYOBORABIKORWA KU KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

U Rwanda n'isi yose muri rusange, turibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi. Uyu mwaka, insanganyamatsiko igira iti: **"Kwibuka twiyubaka"**. Iby'ingenzi bikwiriye kuzirikanwa birimo ibyo u Rwanda rumaze kugeraho, nko kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda, kwibuka no gusigasira amateka yacu, ubutabera n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Tugomba kandi guhora turwanya umuco wo kudahana hakurikiranwa abagize uruhare muri Jenoside, tunamagana imvugo zibiba urwango.

Iyi nyoborabikorwa ijyanye n'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30.

---

## ICYUMWERU CY'ICYUNAMO

## 7 Mata 2024

### Ku rwego rw'Igihugu

Icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa ku Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali. Umuhango wo kwibuka uzakomereza muri BK ARENA ari na ho hazabera Umugoroba wo Kwibuka. Ibi bikorwa bizanyuzwa kuri radiyo na televiziyo by'Igihugu.

### Mu turere

Icyumweru cy'icyunamo kizatangirizwa ku rwibutso rw'akarere cyangwa ku rundi rwibutso ruzagenwa n'akarere.

### Mu midugudu yose

Hazaba igikorwa cyo kwibuka kizarangwa no gutanga ibiganiro, no gukurikira ubutumwa bw'umunsi.

**Icyitonderwa:**

- Kuri uwo munsi, ibikorwa byose n'indi mirimo byemerewe gukomeza nyuma y'igikorwa cyo kwibuka. Ibindi bikorwa nk'iby'ubutabazi (farumasi ziri ku izamu, ibitaro n'amavuriro) bizakomeza guha serivisi ababigana.
- Hoteli zizakomeza guha serivisi abazicumbitsemo.

### Icyumweru cy'icyunamo (7-13 Mata 2024)

- Guhera tariki 7 Mata 2024, ku nzibutso za Jenoside zashyizwe mu murage w'isi (Bisesero, Gisozi, Murambi, Nyamata), buri mugoroba mu minsi irindwi, hazacanwa urumuri hifashishijwe amatara amurika yerekeje mu kirere ku buryo abonerwa kure.
- Kuva tariki ya 7 kugeza 13 Mata 2024, hateganyijwe ibikorwa byo kwibuka ahantu hatandukanye mu Gihugu ku matariki yemeranyijweho n'inzego zitegura kwibuka. Hazaba kandi ibiganiro bigenewe abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, ibihuza urubyiruko, n'ibindi byiciro.

- Ku rwego rw'umudugudu, uretse ikiganiro kizatangwa ku itariki ya 7 Mata 2024, nta bindi biganiro biteganyijwe.
- Tariki ya 11 Mata 2024, mu Mujyi wa Kigali, hateganyijwe urugendo rwo kwibuka mu Karere ka Kicukiro (ruzatangirira kuri IPRC Kicukiro), n'umugoroba wo kwibuka uzabera i Nyanza ya Kicukiro.
- Ibikorwa by'ubucuruzi, siporo z'abantu ku giti cyabo, imyitozo y'amakipe, indi mirimo itunze abantu n'ibyara inyungu, bizakomeza gukorwa mu cyumweru cy'icyunamo.
- Mu cyumweru cy'icyunamo, ibendera ry'Igihugu rizururututswa rigezwe hagati.
- Ku bisobanuro birambuye, hakurikizwa ibiteganywa n'itegeko N°15/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rigenga umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, imitunganyirize n'imicungire by'inzibutso za Jenoside.

---

## TARIKI YA 13 MATA 2024: GUSOZA ICYUMWERU CY'ICYUNAMO

- Ku rwego rw'Igihugu, icyumweru cy'icyunamo kizasorezwa ku Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero.
- Hazabera igikorwa cyo kunamira abanyapolitiki bishwe bazizwa kurwanya umugambi wa Jenoside.
- Hazamurikwa igikorwa cyo gushyira ku rwibutso rwa Rebero amazina y'abandi banyapolitiki icyenda (9) bazize kurwanya Jenoside.

---

## GAHUNDA Y'IGIKORWA CYO KWIBUKA

Igikorwa cyo kwibuka Jenoside ntikirenza amasaha ane (4).

**Urugero rwa gahunda**

- Kumenyesha gahunda
- Umunota wo kwibuka
- Isengesho ry'umuntu umwe uhagarariye amadini ku babyifuza
- Ijambo ry'ikaze
- Ikiganiro kijyanye no kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi
- Indirimbo yo kwibuka cyangwa umuvugo

- Ubuhamya kuri Jenoside yakorewe Abatutsi
- Indirimbo yo kwibuka cyangwa umuvugo
- Ubutumwa bw'uhagarariye abashyinguye (iyo igikorwa cyo kwibuka cyahujwe no gushyingura imibiri)
- Ubutumwa bw'umuryango IBUKA
- Indirimbo yo kwibuka cyangwa umuvugo
- Ubutumwa bw'umushyitsi mukuru

## KWIBUKA MU NZEGO ZITANDUKANYE

Igikorwa cyo kwibuka mu bigo bya Leta, iby'igenga, iby'abikorera, na ambasade z'ibindi bihugu mu Rwanda; bizakorwa ku munsi watoranyijwe, hagati ya tariki 8 Mata na 19 Kamena 2024.

Buri rwego rwishakira utanga ikiganiro ubifitemo ubumenyi, yaba umukozi warwo cyangwa uturutse ahandi, akifashisha inyoborakiganiro ya MINUBUMWE.

## KWIBUKA MU MASHURI

Ibigo by'amashuri bizateganya umunsi wihariye wo kwibuka no guhabwa ikiganiro mu gihe abanyeshuri bazaba bavuye mu biruhuko.

## UMWANYA WA MISA N'UW'AMATERANIRO MU GIKORWA CYO KWIBUKA

Misa n'amateraniro ntibishyirwa mu gikorwa cyo kwibuka. Ariko mu gihe icyo gikorwa cyateguwe n'umuryango ushingiye ku myemerere, cyangwa ibigo bishamikiye kuri iyi miryango byemewe n'amategeko, hagamijwe kwibuka abayoboke cyangwa abanyamuryango babyo bishwe muri Jenoside, bikorwa hakurikijwe imyemerere yabyo.

## UMUGOROBA WO KWIBUKA

Umugoroba wo kwibuka ubanziriza umunsi wo kwibuka cyangwa gushyingura imibiri y'abazize Jenoside, ugasozwa bitarenze saa yine z'ijoro.

## URUGENDO RWO KWIBUKA

Bitabangamiye urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, urugendo rwo kwibuka rushobora gukorwa mu gihe rwemejwe n'inzego zibifitiye ububasha. Icyo gihe hirindwa gufunga imihanda, inzira n'ibindi bikorwa, kandi rugakorwa mu ituze.

## GUSIGASIRA AMATEKA

Mu rwego rwo gusigasira amateka, inzego zateguye igikorwa cyo kwibuka zigirwa inama yo gufata no kubika amajwi n'amashusho by'ubuhamya bwatanzwe.

## IKORESHWA RY'IBIRANGO

Kanda **HANO** ubone amabwiriza agena ikorwa n'ikoreshwa ry'ibirango byo kwibuka.

- Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, inzego zose zirasabwa kugabanya ikoreshwa rya *banderole (banners)* mu gusakaza ubutumwa, ahubwo hagakoreshwa ibyapa binini *(billboards)* n'insakazamashusho *(LED screens)*.
- Nyuma y'icyumweru cy'icyunamo, ibirango byo kwibuka bizamanurwa; bikomeze gukoreshwa gusa igihe hateguwe igikorwa cyihariye cyo kwibuka.

Muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi, Abaturarwanda muri rusange, by'umwihariko urubyiruko, barashishikarizwa kwitabira ibikorwa byo kwibuka no gukurikira ibiganiro bizatangwa ku maradiyo, televiziyo n'imbuga nkoranyambaga.

Dukomeze kwibuka twiyubaka.

29 Werurwe 2024

MINUBUMWE(Minister)
2024.03.29 15:01:39 +02'00'

**Dr. BIZIMANA Jean Damascène**

*Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu*